Nyamwitmyi Simon

Rapport

1980

39 p

NIYOMUREMYI Simon

96

# AMAHORO IWANYU.

NZELI 1980

NALI NARAGUKUNZE (Repris)

par

NIYOMUREMYI Simon, son auteur.

# AMAHORO IWANJU

mu magambo avunaguye.

Mu kwa cyenda ku mugoroba, Umusore, Rengome, yahuye n'umukobwa ku Kacyiru ho mu li Kigali. Bombi baje kwiga iby'ubutabazi, barakundana, basangira akabi n'akalyoshye... Rengome agira inama uwo mukobwa yo kwifata neza, kubana no gufatanya n'abandi. Balihugura, baratsinda; barataha, baratandukana. Basubiye mu mashuli yabo, ntibandikirana. Mu w'i 1979, bongera guhulira hino y'i Nyamirambo mu mulyango utabara imbabare w'u Rwanda. Urukundo rwabo rurakomera. Bibanira neza, barayenderana; barasangira, baratemberana. Batandukanye kubera amasomo yali arangiye, urukundo rwabo rukomeza kuba rwinshi, umubano uba wose. Nyamara, Rengome ashatse kumuturana ngo bibanire, uwo mukobwa amubwira ko yiyemeje kwibera umubikira. Uwo mwali amusaba kutababara kandi amusabira kuli Rurema ngo ashire agahinda yatewe no kumutegereza. Anamusezeranya kuzakunda abantu bose. Uwo mwali atuma Rengome ngo azamusuhulize abana bose azabyara... Umusore ashaka kwiyahura... Aliko, yibaza agahinda yasiga mu be n'inshutize, igituma urukundo rupfa n'impamvu abahungu n'abakobwa bamwe bajya kuba indaya n'abajura mu mijyi. Ababazwa n'amarozi y'abakobwa ishyali ly'ubato n'imyifatire mibi y'abantu. Uwo musore yibaza aho abantu bereka za. Anasaba Imana ngo igarure ababyeyi b'Abanyarwanda, ibigishe urukundo yabakunze kandi ibahe amahirwe n'amahoro. Rengome yiyemeza kuzakomeza gukunda uwo mukobwa, kuzamurutira abandi no kuzamulirimbira ibisigo bye byose. Asuhuza kandi ababyeyi n'inshuti b'uwo mwali. Rengome amusaba gukunda Abanyarwanda bose, umulimo we no kuticuza kuba yaramukunze.

Amusezeraho amuragiza Imana.

# INGINGO ZIGIZE

## AMAHORO IWANYU

### a) URUKUNDO

Abakundana baba barahuliye ahantu kandi balibwiranye. Nta budyadya bubarangwaho iyo biganilira. Bamenyana ingeso mbi n'ngo bazirwanye bakanunguranа ibitekerezo. Iyo batarabana, bararwitana, bakanifulizanya amahirwe. Akenshi, abahungu batura abakobwa bakunda ibintu byinshi: imyenda, inkweto n'ibindi. Rimwe na rimwe, iyo abantu bakunze, bakangwa, baliyahura. Ubundi, bamererwa nabi, kuko abakobwa benshi bikundira amafaranga n'amashuli menshi. Abantu bamwe bata ibintu by'isi bakirangirwa n'Urukundo rw'Imana. Ni yo mpamvu biyemeza kwibera abapadiri, ababikira... Abandi babuze abo bakunda, barahunga, bagapfira mu mahanga. Urukundo rutera ishyali. Abakobwa batakunzwe n'abasore barabaroga cyangwa bakica abo bahungu. Abali bamwe bemera kwibera kabwera mu mijyi iyo babuze ababakunda. Abahungu bamwe nabo bihindukira abajura... Uwakunzwe araratwa, akagulirwa utuntu twiza, agahimbirwa indilimbo... Abakundanye bakanezerwa kandi bagasangira akabi n'akalyoshye.

### b) Umubano mu bantu

Kubera ko nta muntu wigira, abantu baragenderana, bagasangira bakanafashanya mu milimo myinshi n'ibindi bibazo by'ubuzima. Bahoshya amahane y'abandi, bakunga inshuti zasubiranyemo kubera ubupfme cyangwa inda nini. Icyabikora, abenshi bagira ishyali, bakarogana bapfa ubukungu bw'isi, bakanaganzwa n'urwango.

# INGINGO ZIGIZE

## AMAHORO IWANYU

### b] Umubano mu bantu

Abagifite umutima mwiza baratunokuna bakanatoza imico myiza abatoya. Babageza ubutunzi bize bakanabafasha muli byinshi. Abantu bamwe bilinda amahane, bakagwiza hose amahoro. Barasenya ibyagilira nabi abandi. Ibyo bituma hamwe na hamwe hataha urugwiro, abantu ntibihebe, bagahora bishimye, kandi umubano ukaba wose. Iyo hali abarwayi, barasurwa, bagafashwa, bakabahumuliza. Abantu benshi barasabirana ku Imana. Nuliko abakire bibuka limwe na limwe abakene bakabaha ibye kulya no kwambara. Hali kandi n'abaresi bungura abantu byinshi, abahinzi, abubatsi... Abo bantu barahura bakagenira bagakora ngo bene wabo beye kuzamererwa nabi. Ibyo aliko, ntibibuza bamwe kuzira ubukire, ubwenge bwabo... Ubundi kandi abantu batera abandi agahinda iyo basinda, bagasizora bakanicisha abana inzara. Hali n'abantu bitiranya ibintu n'abantu bikabaca ku nshuti, bikanabasenyera.

### c] IMANA N'ABANTU

Ku cyumweru, imilimo irayabanuka, abantu bakishima, bakalimba bakagana iya Paruwasi. Iyo bageze mu Kiliziya, barasenga, bakalilimba bakanumva inyigisho za Padili. Abantu benshi basaba Imana ngo ikize abarwayi, ihe abandi amahirwe... Ku bantu benshi, Imana yaremye isi n'abayituye kandi ibakunda cyane. Ifite ubushobozi bwinshi: Igisha urukundo rwayo, ikuga icyiza kandi yangisha icyaha. Itanga amahirwe, yica uruwango, ubugome n'ishyali. Ikiza abantu kwiheba, kubabara, gusinda no kuba indaya. Ikura ubwiyangazi mu bantu kandi igaba ibyiza. Ibyo byose bituma abantu benshi bayitangira kandi bayizira. Ibikorwa byiza bikorwa na bene abo bantu, abapadili, ababikira... ntibigira ingano.

INGINGO ZIGIZE

AMAHORO IWANYU

## d) UBWIZA BW'U RWANDA

Nkuko Niyomuremyi Simon abivuga muli aka gatabo, ibyiza bitatse iki gihugu cyacu ntibibalika: Izuba lishyushya abantu n'ibintu, imihanda myiza, imodoka z'ubwoko bwose... Amashyamba ahali ni menshi, amashuli nayo ntasiba kwiyongera. Hali urutoke rwinshi, ibishanga n'ibiraro by'inka. Inyoni nazo ntizisiba kulirimbira mu ntusi n'ibindi biti byiza bihiganje. Igitondo cyaho ntikiboneka hose. Iyo abakobwa babyinnye, abahinzi bagahinga mu tubande n'amasaka akabika, Abanyarwanda bose baranezerwa. Utembereye muli iki gihugu ubona kandi ibindi byiza bitaboneka hose: abalyeyi bahetse uduhinja, umuyaga uhuha neza, ibisambu bitagira ukobisa n'utubyino twiza tw'udusimba. Mu Rwanda, haboneka kandi imiyenzi, imikoni n'imigwegwe. Ino, Urukangaga ni rwinshi, imilima y'amakawa simike, amazu y'amabati arubakwa vuba, inzuzi nziza n'ibindi. Amashyamba yo mu Rwanda atatswe n'ibiti byinshi, imitsina n'inyoni nziza zilirimba ijoro n'umunsi. Hali kandi imisozi myinshi, amazi y'urubogobogo, imiseke, uturabo twera n'imbuto zilyoshye. Tuhasanga kandi ibirunga, ibibaya n'inyamaswa nyinshi.

# UBUHANGA BWA AMAHORO IWANJU.

Muli aka gatabo, Niyomurenzi Simon arerekana rwose ko atali umusizi. Kokorero, n'ubwo atugezaho inkuru isa koko nkiyamubayeho kandi agakoresha amagambo meza avuye ku mutima, ntashimisha umutima n'ubwenge ngo anyungure ibitekerezo bya kigabo. Ubuhanga bwe mu guhimba, buragaragazwa n'utunyoni dutumwa, inzozi zivugirwamo byinshi n'ibindi. Mu nteruro nyinshi, ntitumenya icyo umwanditsi ashaka kugeraho. Biragaragarira mu byo yandika asa nk'uwikinira "Gukunda kubana, kubana gukunda." Ubundi, aravuga ibyo yishakiye. Ibyo yatangiye akabisiga inyuma, akabicaho rero. "Nkuwo rwose azapfa lyali? Ko igihugu cyacu kigiteteresje?" Icyabikora, arahera ku nkuru yoroshye akayishakira ingingo akayuzuza umuntu atali abyiteze. Uretse ko nyine afata inkuru akayicamo kabili, akikomereza ibindi, Uyu mwanditsi aranegura ibintu n'ibindi, akaratira ubwiza bw'ibintu n'abantu... Ibyo byose arabyinjiramo akabinononsora umuntu agakeka ko yiteguye byose. Iyo umuntu akulikiranye amabango y'iki gisigo ashakamo igitekerezo uwo mwanditsi yali agamije, ntabigeraho rero. Kokorero, aruzuza impapuro nyinshi: "urukundo mu bandi, urukundo mukunda, gukunda kubana..." Uyu mwanditsi ntiyinegura ngo agabanye imirongo. Ahubwo, arasa nk'uwandika ibisunje mu mutwe. Ndakeka ko atinegura ngo agenzure uko umutima we uteka.

---

# URULIMI RWA AMAHORO IWANYU

Niyomuremyi ntiyanditse neza aka gatabo. Kokorero, interuro nyinshi zirakosamye : « Ibishyimbo ibijumba amasaka n'urutoke. » Izindi ntizumvikana : « Nzakujyana icyaro cyacu ? ». Amagambo menshi arata ibisobanuro byayo bisanzwe : « Mbe gasiga kambaye ikamba ryera ? ». Ubundi, arakoresha imvugo idashimishije abakunda ururimi rwabo, ikinyarwanda : « Agahinda nahoze ntunze iwanjye mu nda. » Kwose, arandika nabi nk'umuntu utize ~~gusoma~~ kwandika : « Mu Kura Cyenda . Mu Kagorobo ». Akenshi, arasubira mu byo yavuze : « Beza cyane baziru inenge. » Kandi inyandiko ye iratandukana n'igitekerezo cye : « Nt'urobanure n'ifaranga ngo ufate abakene ubashyire hasi. » , irafushitse « Igatuma nikundira abanyarwanda. » , « Naze ndeumbire uko ibyacu. » Uyu mwanditsi aratondagura nabi inshinga : « Ejo twatahulira mu ishuli bikadutonda atali ngombwa. » Kandi aravugururuza : « Kandi mu Rwanda duseka i saa cyenda Duseka buli munsi. »

Niyomuremyi Simon alihimbira amagambo menshi : « Imbeho itakubamba. » n'amashusho atanga, aratangaje rwose : « Rugezi Mukungwa birategereje, bifite amazi asa n'ukwezi. »

Ibi byose bikerekana ko ururimi rwadasukuye, rutitaweho bihagije. Ntirwumvikana ~~kandi~~ kandi rurakosamye mu nterura nyinshi. Amagambo akoreshwa ntiyizwe ngo ashyirwe mu mwanya wayo. Hali amakosa menshi yakuwa muli aka gatabo. ~~Aliko~~. Niyomuremyi ashoboye kurata umukondo no kutugezaho agahinda atewe n'umukobwa yakunze. Mu gatabo ke, byose bi'rahali.

## IBYO NGAYE

Aka gatabo ntikanditswe neza na Niyomuremyi Simon. Jirengagije ibintu bituma ururimi rulyohera ubwenge n'umutima. Ubundi, Umukobwa Ukundwa na Rengome nta ngeso mbi afite. Araratwa cyane: afite imico myiza, akunda abantu... Umwanditsi kandi ntiyibagiwe kulamamaza imyifatire myiza ya Rengome: « Kubona nkunda abantu bose ... » Iyo avuze umujyi, nta byiza awubonamo. Urarura abato bakaba za kabwera n'abajura. Aliyibagiza ko amajyambere menshi aliho aturuka. Iyo yibajije ibibazo, ntabwo yerekana rwose ko ashobora kubyitunganyiliza Ati: « Aho ntibiterwa n'amafaranga? » Aliyibagiza kandi ko « Imana ifasha uwifashije. » Koko rero, arasaba Rurema byinshi. Nta ruhare usigira abantu mu bigomba gutunganywa. Arafata abantu nk'aho badashobora gutekereza, kwihana no gufata imigambi ya kigabo. Aho kwiyumanganya mu byago, abagabo baralira nk'abana. Rengome: « Mbega ibyago mbonye iwanjye. » Abakobwa bo barafatwa nk'ibintu. Rengome: « Anyibagiza abandi nahoze ntunze. »

## IBYO NSHIMYE

Uyu mwanditsi aratwereka ukuntu urukundo ali rwiza kandi rutera ibibazo. Kuli we, hali abikundanira hakaba n'abiyegulira Imana. Aratubwira ukuntu abantu bakomeza umubano n'ibi-wubogamira: ishyali, urwango n'ibindi. Aratwereka kandi ko Imana yubahwa cyane. Ifite ubushobozi bwinshi. Uretse n'ibyo, uyu mwanditsi yerekanye neza ibyiza bitatse URwanda. Mu nterure zitali nyinshi, yabikugejejeho mu magambo meza avuye ku mutima

Amahoro Iwanyu

96

Kuli Mariya NYIRABASARE

Wowe Mwana nakunze, wowe n'inshuti zawe zose mbatuye aka gatabo.

Sinibagiwe Hategekimana Yohani, musaza wa mama,

Inshuti yanjye, HITAYEZU Mariko.

# - INTANGILIRO -

Umulilimbyi w'Umunyarwanda yigeze kuvuga mu ndilimbo ye ati: "Mu buzima bw'Umuntu, hali ibintu ajya ashaka kugeraho, bikamunanira agashoberwa, ali rushorera ibinyuzemo."

NIYOMUREMYI Simoni we ajya kuvuga ibyabaye ku musore RENGOME, muli aka gatabo "AMAHORO IWANYU", nta rushorera yamuhemukiye; ahubwo ni Umwaku uyu usanzwe wamugwiliye atabikekaga, mu rukundo yakunze Umukobwa; mbese nk'uko buli wese bishobora kumubaho.

Nk'uko ngiye kubivuga; ndetse nk'uko buli wese yabivuga, mu buzima bwa hano ku isi, umuntu wese agira icyo akunda, agahora ashaka ubulyo bwo kugitunganya.
Uwo mwana w'Umunyarwanda na we yikundira guhimba: gusiga, kwandika imikino, agakunda kandi no kwegera bagenzi be cyane cyane mu biganiro kuko akenshi aliho akura byinshi mu byo yandika.

NIYOMUREMYI Simoni yavukiye mu GACURABWENGE muli Komini Kayenzi taliki ya 1 Nyakanga 1959.
Imyaka itandatu y'amashuli abanza yayize mu gacurabwenge, umusozi yavukiyeho ayirangiza muw'i 1973. Hanyuma yagiye kwiga icyiciro cyambere cy'amashuli y'isumbuye muli Kolej yo mu Byimana, hanyuma amashuli yisumbuye ayalingiliza mu ishuli ly'Indera-barezi ly'i Shyogwe ku itaiki ya 28 Kamena 1980.

Uwo musore yavukiye mu giturage kandi agikulirамо; avuka ku babyeyi bakennye aliko bifashije; akunda cyane icyaro yavukiyemo ku bulyo ndetse no mu bisigo bye byinshi usanga arata kandi ataka ibyiza by'iwabo: ubuhinzi, ubworozi, amashuli, imikino, ibitaramo...
Akili umwana yakundaga gukulikira bakuru be mu rwuli; agakunda kujya mu itorero; aho niho yakuye ibyivugo, amazina y'inka, ibihozo byamufashije gusiga amaze kugera mu ishuli. Mu ishuli wasangaga ashishikajwe no kwandika ibisigo ndetse akenshi akibagirwa gukora umulimo wamuzanye, ugasanga bagenzi be bamubaza igihe yigira. Yibagirwaga kwiga ku bulyo mu mwaka wanyuma w'amashuli y'isumbuye yali agiye gutsindwa bitewe n'uko atitaga cyane ku nyigisho zo mu ishuli. Amahirwe ye, ni inama profeseli we yamugiliye NAYIGIZENTE ildefonse, bituma ashobora kurangiza neza amashuli ye. Uwo murezi ~~murezi~~ w'indakemwa, NIYOMUREMYI ntiyamwibagiwe arucyabimushimira.

Aho agereye mu mashuli y'isumbuye yashoboye kwiga ibisigo bya bamwe mu bahanzi b'abanyarwanda cyangwa abanyamahanga. yashimishwaga no gusoma iby'abandi kuko ibyinshi mu bitabo by'abo banditsi nibyo byatumye arushaho gukunda kwandika.
Mu banditsi bacu yakunze NSABIMANA J.C muli "AHO MBIKENGE", GAPIRA Aloys mu "UMWIRONGI".
Mu basizi n'abanditsi b'abanyamahanga yashimishijwe na Vigny, Lamartine, Voltaire, Dadié na Camara Laye kuko bandika kandi bagasiga

# I. MU KWA CYENDA KU KACYIRU.

- Mutimukeye Muhorakeye
Mu kwa cyenda ku KACYIRU
Mu Kayoroba amatara yaka
Narakubonye unsekera neza
Uramvugisha Umara ayahindo
Nali ntewe na Basabose
Wali Unkubitiye mu gikali
Anziza ko ntateteye urukundo
Rwa NYIRAMANA mushiki wabo.

Ujya guhambira uturuka iwanyu
Uza gusarunganya ubutabazi
Na Bene wanyu b'abanyarwanda
Waje Usanga abandi bali
Beza cyane bazira inenge
Baje Kwiga iby'ubutabazi
Ku Kacyiru ho muli KIGALI.

Mu Kigwi cyanjye nero shenge
Ni wowe natorunije mu bandi
Nkubaza aho wiga Urahumbwira
Nkubaza iwanyu ntiwambeshya
Sinabikinisha nkubaza nshaka.

Mwana mwiza Nyirarukundo
W'imico myiza Usekera bose
Ukunda abantu ukanabasura
Ugakora neza ufasha ababubaye
N'urobanure n'ifaranga
Nyo ufate abakene ubashyire hasi;
Mbese ko ndeba uvugana imbabazi
N'impuhwe nyinshi za Kibyeyi
Uyakunda impinja uturabyara
NK'ubu rwose ubu nkugire nte?
NKwiture iki nyakubyara?

- Kubona nkunda abantu bose
Ukabinkundira ukabiruta
Si ubulyalya ngira mu bandi
Ni imico myiza nyilira abandi
Igatuma nikundira abanyarwanda.
Ndabona Undebana isoni nyinshi
Ukamvugisha usa n'untinya
Kandi ubusanzwe ntagira nabi
Mbwira rwose ikibigutera?

Kunda unkunde ndusheho nanjye
Muze urukundo rutembere
Tuzibanire mu ituze
N'iyaduhuze izaduhuze..

- Ndabona abandi bagunnye hirya
Dore bulije ni saa tanu
Cyono ngwino tujye kuryama
Muze ducumbire aha ibyacu,
Tuzabikomeza ejo mugitondo.
Bagenzi bacu ndabona baje
Reka tubasange tuganire
Tubabaze iwabo n'uko bitwa
Ejo tudahulira mu ishuli
Bikadutonda atali ngombwa.

Dore na Gahigi ali mu mulyango
Ndabona kandi areba hino
Aho none nt'adukeneye
Akaba kandi afite akajambo
Ko kutubwilira mu ishuli
Nyo atangize ili hugura.
Dutembere tugane aho ali
Twumve neza ibyo atubwira...
Nako tulyame dore bulije
Tuzabyumva ejo mu gitondo,
Urote Imana mwana wacu.
Nanjye ngiye ubu kuruhuka
Ndanuniwe ajane narugenze.

- Uliya mwana ndeba unkunda
Akandata atanzi neza
Aho bukera ndushyira ngende
Njye mwisunga tuganire:
Urukundo mu bandi,
Urukundo mukundo,
Gukunda kubana,
Kubana n'abandi,
Gukora n'umurava
Kwiga ukaronka,
Gutabara izo mfubyi.
Urukundo ni rwiza
Iyo ukunze ugakundwa
Uyakunda dwo ushaka
Gukunda kubana
Kubana gukunda
Ubucuti mu batoya.

Remplissage?

Mutimu wanjye
Tera numve
Maguru yanjye
Dore umuhanda
Hogi dusange
Abatubyaye
Ndumva nkumbuye
Kubasura
Ngo mbafashe
Bukorano umwete
Mwinshi
Duhinge isambu
Yacu yose.

Quel genre de vers sans Verbe?

Ibijumba ibishyimbo
Ibitoke ibirayi
Imyumbati n'ibigoli
Amasaka n'urutoke.
Mbafashe no kubana
Kubana n'abandi
Guhingira abandi
Guhekera abandi.
Dukorane urugwiro
Dushyire mu galiro
Ishyali tulitsinde
Tulivane mu bantu
Barogana buli munsi
Bappa ubuzima
Bw' isi
Bashaka ifaranga
Baterana imyambi
Batemana
Barusana
Urwango ali rwose
Mu bana b' U Rwanda.

Burakeye uyo byuka
Izuba ni ryiza
Umuhanda ni mwiza
Imodoka ni nyinshi
Dufatanye urugendo
Duhitire i Kibungo
Tugane ku Rusumo
Tuhashinge umubano.

Iteka
Dukunde
Abakuru
N'abatoya

1 Vers à 4 termes: Circ + Verbe + 2 Compl.
Dire alors: Iteka dukunde abakuru n'abatoya
3 3 3 3 = 9p

Tubatoze
Kubana
Tubigishe
Gukunda

Vers fém: tubato kubana tubigishe gukunda

Répétition de terme

fallait peut-être dire:
Tubatoze gukunda kubana
Tubatoze kubana bakunda

Gukunda
Guhinga
Guhinga
Ibishyimbo
Gutabira
Ibijumba
Kubumba
Ibibindi
Kubaza
Utubati
Kwiga
Gutsinda
Gufashanya
Kugenda
Gukunda
Kubana
Umwuga
Ubuhinzi
Ububumbyi
Ubuhimbyi,
Ububoji
ubufundi
Umubano
mu bantu
Mu bana
B' iwacu
Ababyeyi
Dukunda
Abasore
N'abakobwa
Abakecuru
N'abasaza
Abakuru
N'abatoya
Amahoro meza
iwacu i Rwanda.

Tugaruke i Gisenyi
Tuhalinde amahane
Tugende amashyamba
i Butare tuhatahe
Hagwire urukundo
Kibuye tuyitake
Tuyigishe ubuhinzi
Kigali tuyisure
Tuyilinde ubusinzi
Tuyilinde Kabwera
Tuhakure amabandi.

Dukomeze urugendo
Dutahe amashuli
I Gitarama n'i Byumba
Duhinge Urugwiro
Turwanye ubucucu
Gikongoro yose
Cyangugu tubasure
Batazihebա bose
Ngo twarabatoye
Kandi mu Rwanda
Duseka i saa cyenda
Duseka buli munsi
Umubano ali wose.
Ruhengeri tuyigende
Tubatize Umuganda
Bakomeze guhinga
Kuboha no kubumba
Kurubaka no kubaza
Abana bavuze - (incomplet)
Impundu - - - (incomplet)
Tubigishe guteka
Kudoda no gutaka
Amahoro akwiriye kwire
Hose hose i Rwanda — rythme des vers
Buli wese alilimbe
Umubano mu Rwanda
Urukundo mu Rwanda
Ubumwe mu banyarwanda.
Urugwiro Urukundo
Urukundo Urugwiro.

Museke weya
Usekera bose
Mutima utuje
Mwana nkunda
Dore bulije
Ni saa moya
Igihugu cyacu
Tunkigenze
Tubibye urukundo
Mu banyarwanda
None tuhyame
Tunamuluke.

Amagambo ntabwo
Ashira mu bantu
Nzakubwira ejo
Mu gitondo
Ku cyumweru
Umwezi urenze.

## II Igitondo.

Ulimubenshi mwana wacu
Ko unkunda ko mbiza
Nkagukunda mbishaka
Wakwigiye hino
Nkagusigira usagamba
Ugasinda ulilimba
Ibihozo by'abatoya?

Dore ni ku cyumweru
Imilimo si myinshi
Amasomo ni makeya;
Ndagirango tujyane
Mu gahugu k'abacu
Ngutakire utuje
Igitondo cy'iwacu
Bose babyutse
Data ali mu rutoke
Mama ali mu gishanga
Abagara ibishyimbo
Abana bacanye
Ku gicaniro cy'inka
Inyambo z'iwacu,
Zihunga amasazi
Zibyagiye zose
Inyoni zililimba
mu ntusi z'iwacu.

Mpinga-ndende ? ?
W'ingeso nziza
Mbese ko ndeba
Ufite agahinda
Ubabajwe n'iki
Ukubiswe na nde?

Reka nkwihoreze Nguhaze
Nkwarungire
Ushire impumu
Nkubimbire
Inyana nziza
Nkubwire n'akalilimbo
Najyaga ndilimba
Ni mugoroba
Kera ugane nkili Umwana.

Nt'ureba inyambo zacu
Ku giceniro ugazo?
Dore inshyushyu
Ni nyinshi
Abashumba ni bose
Barakama bishimye
Barakamira mu byansi
Barashitura inziha
Zizimba izo mbyeyi
Zikazibuza kulisha,
Ubwatsi bw'iwacu.
Dore abana balindwi
Ndetse bose barajye
Ni barumuna banjye
Bafashe inkoni zabo
Baruhuye bose
Mu gishanga cy'iwabo
Aho bakura umucanga.

rythme de Mahero ??

Igitondo cy'iwacu
Mu Rwanda rw'iwacu
Gikundwa na bose
Bagikundira ibyiza
Tubyukana twese.
Dore data na mama
Bagiye guhinga
Amasaka mu kabande;
Abakobwa b'iwacu
Barakubita imidiho
Barabyina balilimba
Mu gishanga gitoshye
Balimo guca ubwatsi
Bwo kuboha imisambi
Yo gusasa mu kirambi.

Inkoko ziratora
Mu itorero ryacu
Amasake ni menshi
Arabikira mu cyanzu
N'inkokazi zayo
Ziraterera zituje
Zishaka guteta.

Dore ababyeyi b'iwacu
Na bo baragiye
Mu muhanda ni benshi
Bahetse uduhinja
Bagiye guhinga
Gutabira ibijumba
Gutera ibishyimbo
Mu nkuka ya Nyabarongo.
Dukomeze urugendo
Turebe n'iwanyu
Tubwire abakobwa
Bakubure ingo zabo
Baboshe n'ibyibo
Kuko buza gusurwa.

Nyirarukundo mwana nkunda
Humura nyabusa
Ubu uli iwanyu
Dore ni ku cyumweru
Bagikereye bose.
Wambare neza
Wambare inkweto
Wambare ikanzu
Igera ku birenge
Imbeho itakubamba
N'amabuye akakwica.
Dore inzira ni nyinshi
Fata akayira tugende
Tugane iya Paruwasi
Dushobore gusenga
Na Padili yaje
Atugire akanama
Ko kwifata neza
Mu buzima
Aho tugenda.

Dusure abarwayi
Barwaliye iwanyu
Dusingize Imana
Ibasindagize batahe
Bakorere ingo zabo
Barere abo babyaye.
Dore umuyaga ni mwinshi
Mu bisambu by'iwacu
Maze twicare turuhuke
Twumve utubyino twiza
Tw'udusimba tw'iwacu
Iwacu mu Rwanda.

Turebe ibyo byiza
Bibereye abacu
Turebe amashyamba
Turebe urutoke
Turebe imiyenzi
Imikoni n'imigwegwe
Urukangaga rwinshi
muli icyo gishanga
Imilima y'amakawa
Amazu y'amabati
Amashuli mu byaro
Abakire n'abatindi
Aborezi n'abahinzi
Abasizi n'abahimbyi
Abasore n'abakobwa
Inzuzi n'inyanja
Imvura n'izuba
Umuhindo ubugora
Urugaryi n'itumba
Izuba ly'impeshyi.

Nguwo umubano
Nguwo urukundo
Unkunde ababyeyi
Ababyeyi b'iwacu
Iwacu mu Rwanda.

## III Urugendo

Mbe Nyampinga
W'indoro nziza
Ko mbona rwose
Ubabaye cyane
N'ishavu lyinshi
ufite agahinda
Kandi izuba
Lyaka hose;
Mbese rwose
Ko ndeba
Upfanye agahili
N'agahinda
None weba
Ubabajwe na nde?
Ndabona ureba
Impinga z'ino
N'igishyika cyinshi
ufite ku mutima
Kandi igicucu kirembera,
wambabaliye ukamperekeza
Tukishima tukalilimba
Tugatembera igihugu cyacu?
Cyo gira bwangu
Inzira ni nyinshi
Imvura ntayo ni mu mpeshyi.

Imbeho ni nkeya
Dufate imodoka
Dore ababyeyi
Batubyaye
Abandi bali
Balishimye
Abasore bose
Baralilimba
Dore isi yose
Iravuna sambwe
Rwanda yose
Iravuza impundu.

Ambara inkweto
Ukunda cyane
N'ikanzu yawe
Y'urunyenyeli
Nanjye ndalimba
Mbitunganye
Njyewe nawe
Intoki mu zindi
Dutembere
U Rwanda rwacu.
Amaliga yose
Yashyire hasi
Humura mwali
Warezwe neza
Niba ushaka
Umusore mwiza
Ukaba ushaka
Abanyarukundo
Rwanda nziza
Yarababyaye.
Niba ushaka
Uduseke twiza
Nzatugucira
Ejo mu gishanga
Nzadutaka
Isaro n'isimbi
Nzadusiga
Amabara meza
Maze ntugature
Ku cyumweru;
Tuvuye kwiga
Ni mugoroba.
Nzakujyana
No kuli Kanyinya
Dutembere
Ishyamba lyaho;
Nzakwereka ibilitatse
Ibiti byiza
Bivamo inzugi.

Imitsina myiza
Itoshye cyane
Inyoni nziza,
Zo mu gahinga
Zicumbitse mu ntusi
Zilirimba ijoro
N'umunsi.

Nzagutambikana i Remera
Remera nziza yo
Muli Rukoma
Nzakwereka n'amashuli
Intoke nziza zera cyane.
Nzakujyana i Bacumbwenge
Icyo abana
Iyuka n'abarezi
Imisozi myiza yo
Muli Gihira
Kibanza nziza
Na Kidaturwa
Bugaba yose
Ikunzwe iwacu.
Nzakujyana
I Rwezamenyo
Uzarebe ibyiza byacu
Insina nziza
Ikawa nziza
Amazi meza
Yo mu Gishanga
Imiseke myiza
Inyuma y'iwacu
Uzarebe ibiti bitoshye;
Ibiti twugamamo izuba.

Nzagucira uturabo twera
Nzagucira imbuto ziryoshye
Nzagusoromera n'amacunga
Tuyakore impamba
Dutembere
Tugendagende
Imisozi yacu.
Nzagutira umwenda mwiza
Tuzitwikira ku kagomba
Twumva akayaga ko
Mu muyange
Turebe amakengero
Y'izuba
Mu mpinga ya
Nyarusange.

Nzakujyana
Icyaro cyacu
Maze izuba.
Nilikuzambya
Tuzashaka
Amazi meza
Imigezi myinshi
Ivuka iwacu.
Nzakujyana
Muli Kakogo
Tuvogere
Gikoro yose
Turuhukire
Kuli Buki
Amazi meza
Y'Urubogobogo
Uburyohe bwayo
Burahebuje.

Amazi meza
Yo mugasenyi
Inzuzi nziza
Nka Nyabarongo
Tuzayoga nitubishaka
Niturangiza turuhuke
Twilyamire mu musenyi
Twote izuba ly'i Kidaturwa.
Niba utarabona Kalisimbi
Tuzatembera no ku birunga
Tuzaterera Muhabura
Tuzareba na Nyiragongo
Bisoke Gahinga na Nyamuragira
Tugere ku twinyo
Twa Sabyinyo
Imisozi myiza itatse u Rwanda.
Nushaka no kunywa amazi
Burera-Ruhondo heppo yacu
Rugezi-Mukungwa
Birateguye
Bifite amazi
Asa n'ukwezi.
Tuzajyana no
Ku Rusumo
Umuhanda waho
Ushashe ahalyoshye;
Tuzatambikana
I Gikondo
Ndera-Rubungo
Muli Rugende.

Kabaya - Kayonza
Ho ni iwacu.
Tuzareba,
Ikibaya cyiza
Amazi meza
Akagera kacu.
Muhazi utazi
Uzayisanga
Uzareba
Amashami yayo
Nimugoroba
Umunsi wije
Ikizubazuba
Kili mu mazi.

Nzahakwereka
Amazu meza
Y'abanyarwanda
Bakize cyane
Ku nkombe
Z'ayo mazi.
Uzasura ibibaya byayo
Uzishima ushire agahinda
Ihorere mwana
Ihorere rwose
Ihorere shenge
Ihorere Ihorere.
Nzakujyana no
Ku Gisenyi
Uzarebe amazi meza
Ya Kivu nziza
Ivura abantu
Umuruho mwinshi
W'ubukorani.
Uzalilimba mu
Kajwi kawe
Maze nkwakire
Mu Kivugilizo
Twiryamiye
Mu musenyi
Ku nkombe
Y'ayo mazi
Dusoma byeli
Yo ku Gisenyi.

## IV. Umuhozabana

Mushiki wanjye
Ubu ni Kabwera
Kigali yaca
Yaramutwaye
Asiga ababyeyi be
Mu butindi
Icyaro cy'iwacu
Agishyira hasi
Ashika asanga
Umujyi w'u Rwanda
Umushukisha
Amatora acanye
None umukecuru
Ameze nabi
Nta kuna
Kumuha utuzi;
Umusaza kandi
Abyuka ahinga
Nanjye ubwanjye
Barantinya
Mbyuka niwaye
Ku muharuro.

Umukobwa nkunda
Yarambwiye
Nyo nzashake
Umuhozabana
Kugirango dukunde
Tuzabane
None kandi ubwanjye
Sinawuzi
Mbwa ndoga Simbi!
Nk'ubu ngubu se
Mbigize nte?
Mbe gasiga ko
Mu ntusi
Kambaye ~~Ikamba~~ ryera cyane *ikamba ly'inyoni?*
Igira hino
Nguhe akajambo
Ngutume hejuru
Y'ukwezi
Muli Cyimeza
Ya Gihanga
Uncire disi
Umuhozabana

Wo kwihera
Umwana nkunda
Ashire agahinda
Afite ku mutima.

Haba mu ijoro
Ly'ubajura
Haba isaa sita
I saa cyenda
Cyangwa se
Saa tanu
Uzihangane
Umene ilyo shyumba.
Uzawusanga
Ku musororo
Munsi y'indili
Y'urukwavu.
Uzitonde
Neza cyane
Haba inyamaswa
Zigiro nabi
Zitazakwiciraayo
Nkakubura
Nkabura ikibindi
Nkabura n'urujyo.
Uzihangane
Rwose cyane
Maze n'ugera
Mu bishanga
Uzuncire uwo
Muti shenge
Nzaguhemba
Inyama y'inkware
Uzayisangire
N'abawe.
Dore nguhaye
Iminsi ilindwi
Ku wa munani
Uzabe uli aha;
Utazampfa kuliza
Urukundo
Kandi ngutumye
Nkwizeye.
Umuhozabana
Uzawushake
Uzawushake
Ijoro n'umunsi;
Gasiga kubatse
Mu ntusi
N'uwumpa nzaguhemba.

Nzagushimira
Ko wamfashije
Maze nguhembe
Umushwi w'indayi.

Niba urenze
Imisozi itanu
Ugashakisha
No mu mabimba
Ugaheba kandi
Ushaka hose
Uzazamuke no
Mu gahinga
Uzumbalize
Nyirabisabo
uti mbe gakecuru
K'urukonda
Wowe wavutse
Kera cyane
Ko uzi byinshi
Ku isi yacu
Ukaba uzi abantu
Bali mu Rwanda
Ukaba uzi abami
Barutwaye
Ukaba uzi
Ibiyaga n'inzuzi
Imigezi myinshi
Nka Nyabarongo
Ibiti bibiha
Nk'Umuravumba
Ntiwanshakira
Nkaguhemba
Umuhozabana
Niba Uwuzi?

N'akubwira ubwo
Ko atawuzi
Uzaguruke ugwe
Mu mulinzi
Uzakulinda
Woye guhanuka
Hejuru cyane
Ahabona cyane
Ahabona iwacu
Mu biti byinshi
Uzahamagare
Ikidatirwa
Maze Umbwire
Nshire agahinda
Mpumbye amaso
Njye kuiyahura.

Iyo nkuru kandi
uzayijyane
I Shyogwe wumva
Ibyiruna abarezi
Bulya hatuye
Mushiki wanjye
Uzamubwire
Amakuru yanjye
Uti musaza wawe
Ageze aharenga
Ko amalira atemba
Azira urukundo.
Uti yashatse
Umuhozabana
Wo gutura
Umwana akunda
Awubona hose
Ku isi yacu
Uti none sero
Mwana wabo
Hasigaye iminsi
Igerwa ku rutoki
Akagenda i shyanga
Inyuma y'ishyamba.

N'utahamenya
uzagende
Niba wumbutse
Kabgayi
Ukabona ishyamba
Ly'ibiti utazi
Haba n'izuba lyaka cyane
Uzatangire kulilimba
Ulilimbe inshuro murani
Ulilimbe nkulimwonga;
Bazakuumva bitegure
Uzahagusha amaso yawe.
Mushiki wanjye
Ni Nyiraneza
Umugabo we Ndahiro
Ni Umutware
Ni Umuzungu tuzi twese
Aliko utali Rutuku
Rw'i Bulayi.

Uzamutuye
Ibisigo byanjye
Uzamutume umwaliyanjye
Uzamulimbire yishime
Uzamwambike
Insaro zera
Nzishima
Nshire agahinda.
Nanjye ninshakashaka
Umuhozabana
Nkamubura hose
Kandi mpazwi
Nzajya he
Mungu wanjye?

Abo abazamenya
Ko nakunze
Nkabura Umwali
Nahoze nshaka,
Bazavuga iki
Ku by'urukundo?
Inshuti zanjye se
Zo zibizi
Bene wacu se
Nabibwiye?
Nibamara kwumva
Ibyago byanjye
Bazakwiza he
Ako gahinda?

Amaliza numva
Nimugoroba
Amanywa yose
Aho mu gacyamo
NK'ubu rwose
Aterwa n'iki?
Ba masenge ko
Basasura
Abashumba
B'iwacu
Bakoba baje
Nyogokuru
Akaba atetse
Data wacu
Akaba atabaye
Mama wacu we
Akaba arwaye
Data na mama
Nali nsize aha
Ko bahambira

Utwáni twose
Nk'ubu rwose
Barajya hehe?
Inzira ibajyana
Ni iya hehe?
Ni iya hehe
Ko njye ntayizi?

Kuki se Umuhungu
w'Umunyarwanda
Akenshi yuzura
N'Umukobwa
Bagatembereana
Ku Gisenyi
Bakaryamana
Mu musenyi
Ejo mugitondo
Bikabapfana
Urukundo rwabo
Rukaba imfubyi
Aho ntibiterwa
N'amafaranga?
Kuki Umukobwa
Acika iwabo
Mu gyaro cyiza
Afashwemo neza
Agacika asanga
Amatara yaka
Akaba Kabuwera
Mu mujyi wose
Akanura Kiyovu
Na Nyamirambo
Biryogo yose
Akayiyogoza
Akonona
Abasore bacu.
Agahinda utera
Ababyeyi
None ubu rwose
Abishakira iki?
Mbese Nyamuhungu
Kuki we agenda
Akihunza isuka imutunze
Agata iwabo muli komini
Agasiga abahonze

Abahora ubusa
Akajya gusahura
I Nyarugenge
Akiba ibintu
Ashyira mu myobo
Akica inzugi
Agatema abantu
Agatwara ibyabo
Akabigurisha
Akiba imyenda
Y'abacuruzi
Akayibika aho
Mu ntindo
Nk'uwo rwose
Azapfa ryari?
Ko igihugu cyacu
Agiteberefe?

Nyabo rwose
Mbwira nawe
Kuki abakobwa
B'ubungubu
Baroga abandi
Bakabahamba
Ngo babatanze
Abagabo beza?
Iryo shyari ryaduteye
Mu batoya
Rituma bica bene wabo
Abavandimwe babo
B'abanyarwanda
Ngo babatanze
Umukiro mwinshi
Ngo kuko shenge
Biyigiye amashuri
Nk'ubu rwose
Uko mubireba
U Rwanda rw'ejo
Rufashwe na nde?

Dore ubu ngubu
Nsigaye ndeba
Abagabo b'ubu
Abagore babo
Abasore b'ubu
Abali bacu

Nkagira agahinda
Kenshi cyane
Kuko basinda
Bagasizora
Bagata abana
Inzara ikabica
Nk'ubu rwose
Turajya hehe?

Rurema wacu
Ko waduhanze
Ukaba udukunda
Rwinshi cyane
Garura ababyeyi
B'abanyarwanda
Ubigishe uko
Wabakunze
Ubabwire icyiza
Bareke icyaha
Barore i buntu
Bareke ibintu
Aribyo bitiranya
N'abantu
Bikabasenyera rugikubita.
Duhe amahirwe twese abawe
Umene agahinda
Wice urwango
Ishyali mu bantu
Ulice mu Rwanda
Ubugome bwose
Buli mu bawe
Ubace burundu
Rwose data!
Dukize kwiheba
N'agahinda
Dukize gusinda
No kuba indaya
Ugabe amahirwe
U Rwanda rwose
Amahoro meza
Akwire hose
Abana bacu
Bavuze impundu.

Vuba umurava
Mu banyarwanda
Ubakize ubwicanyi
N'ubuhandi
Ukure ubwangunyi
Mu batoya
Bagire urukundo
Rugira ibambe
Ibyiza byose
Ubishyire iwabo
Babane kandi
Iteka ryose.

Umuhozabana
Nahoze nshaka
Ngize amahirwe
Nyuubona wose
None rero nshize
Agahinda
Nahoze nturize
Iwanjye mu nda.
Nzamushyira
Umwana ukunda
Mpinga-ngenzi
Mumare irungu.
Nzamurutira
Abatamuzi
Nzamutaka
Ijoro n'umunsi
Nzamusiga
Uturuta twiza
Nzamwambika
Inigi zera
Amasaro yerera
Mu gituza,
Nzamucira
Agakoni keza
Akitwaze
Tujye
Kubana.

Nitugera iwacu
Nimugoroba
Nzamugubira
Mbarushumugabo
Nkenyere nanjye
Mbarushumugore
Maze murutire abatamuzi.

Ibisigo byanjye
Bihoza ubali
Nzabililimba ali
Mu Kirumbi
Yicaye hasi
Ateretse umoso.

Gusiga kwanjye
Si ubu n'ejo
N'ejobundi
Nzaba mpimba
Nzaba mpimbira
Uwo nakunze
Nzumutuma
Ibisigo byose
Najyaga ndilimbira
Mu Kirumbi
Ndi mu gitaramo
Kwa nyogokuru.

## V Ibanga ly'Umwali.

Rengome ndota ndyamye
Uzi ko nyukunda
Kurusha abandi
Kuki nyusura
Nkabura aho uli
Mu Kiruhuko
Ufata iya hehe?
Igira hino tuganire
Nguhe akabanga
Nkunze iwanjye
Nkubwire ijambo
Mfite ku mutima.

"Uzi ko mu kwa cyenda
Ku Kacyiru
Alibwo wambonye
Ukanezerwa
Ukankunda nkabigushima
Nanjye ubwanjye
Narakukunze
N'ubu kandi ya
Nkigukunda
Ndetse utibizambuza
Kugukunda.
Twaruzuye cyane
Twasangiye
Akabi n'akabyoshye

Wangiliye inama
yo kwifata neza
Kubana n'abandi
Gufatanya n'abandi
Ndakora ndabishima.
Turakora turatsinda
Igihe kirataha
Uragenda ujya iwanyu
Ndataha njya iwacu
Nsuhuza ababyeyi
Iminsi iragenda
Nsubira ku ishuli
Ndiga ndatsinda
Umwaka urataha
Ntamenya ugaruka kowe.

Mu w'i 1979
Nibwo Rurema
yaduhuze
Yongeye kuduhuza
Hino y'i Nyamirambo
Mu mujyango dukunda
Utubera imbabare
w'u Rwanda.
Urukundo ngukunda
Rukomereza
Aho ngaho
Twibanira neza
Unsura ngusura
Tujyana ku meza
Nsangira nawe
Umvugisha ubishaka
Unkunda urukundo
Dukundana twembi
Tujyana aho ushaka
Ungira akanama
Gufatanya n'abandi
Dutubara ababyeyi
Iminsi iragenda
Ukomeza amashuli
None na n'ubu
Urukundo ni rwinshi
Umubano ni wose.

Dore ntacyo
Wambwiye
None reka
Nkubwire:
Washatse kuntwara
Nyo twibanire neza
Byose ni byiza
Twali kubaho neza
Kuko dufite byinshi.
None ubu aho
Rurema yaduhuze
Yanze ubu ko ngusanga
Irandukaho byinshi
Ibyo kurubaka
Birapfuye.
Ubu ngiye kugenda
Nihe Imana mbishaka
Nibere umutarikira.

Ni ibyo ku isi
Niko bigenda
Nkubabaje
Ntabishaka
Ihangane
Ushire agahinda.

Mbe Rengome
Musore mwiza
Ko wiguze
Ubabajwe n'iki?
Ese wasetse
Nkakubwira
Nkanezerwa
Iminsi yose
Nkuzabishimira
Iyaduhanze.
Mana yanjye
Ko urema abantu
Ukaba ugenda
Ku isi yose
Nyereka urwego
Unyurako utaha
Maze tujyane
Ngusabe ijambo
N'isengesho.
Nsabire uyu mwana
Ashire agahinda
Ko yategereza.
Ibyo kubona
Uko binapfuye
Dore namufeshaje
Igihe cyinshi
Imana Ibimfashemo
Arahaguruke
Akunde abandi
Baliho benshi.
Mbabwira rwose
Singiye ubiteye
Nabishatse kuva
Nkivuka
Mbaye Mameya
w'abatoya
Nzaba Mameya
w'abakuru
Nzabakunda
Kugeza kera
Nzogukunda
Iminsi yose
Nzagusura
Ngufashe kandi
Nzagusabira
Uko nagukunze
Nzakwifuliza
No gushaka
Nzaguhaha
Ubukwe kandi.
Amahoro meza
Mu rugo rwawe
Abana bose
Urabaruhuze.

## VI. Amalira y'urukundo

Mbega ibyago
Mbonye iwanjye
Ibintu ku isi
Byarushaje
Dore uyu mukobwa
Naramukunze
Ndakilimbana
Ndarutsinda
None nshatse
Ko aba
Uwanjye
Arampihorera
Kandi ondeba.

Erega abahungu
Tuliyemera.
Ngo ntawe uhubuka
Nk'Umuhungu?
Nyamara kandi
Turoye neza
Muli twe abenshi
Mbona bahubuka.
Huli Korangwa
wo mu Bathobe
Yabonye Malita
wa Muhimpundu
wa mukobwa
Usohotse izaza
Ati ndashaka
Ko twabana.
Umukobwa
Ati ntitureshya
Amashuli nize
Asumbye ayawe.
Uwo muhungu
Ubwo akacemerwa
Ibaruwa yatanze
Bayicamo ibice
Ntiyayibonye
Akajya i Bugande
Akajya gukitogiliza
Ifaranga!
None ndatwe
Ngo turakunda
Ikitugurwa
Cy'ubu
Ayavu hehe?
Tuzakunda
Kugeza ryali
Kandi abali
Batabishaka
Bishakira
Inzira zindi.

Uliya mwana
Narimubonye
Numva nshaka
Ko twabana
Mporana...
Nako reka mbabwire

Uko byagenze:
Isoko ya'mbere
Y'Umuseso,
Yabitse mpingutse
Ku mulyango
Maze Uko muwana
Ndaha musongo
Turagakira
Turuga meushi
Ntimanyobewe
Unenyano rwahuye.
Mubabina rwose
Ko namushimuje
Aruseka agane
Aronezerwa
Amizero ampibutsa byinshi
Ampibagiza abandi
Nahoze ntunze
Inyatri inzaza
Ini muntwara
None anyeretse
Igihandure.

Gukunda ubishoka
Ugacikana ubireba
Ukagabira ayetemba
Umwana wakunze
Agashorera akagenda
Bitera agahinda.
Kunara kubutuye
Iminsi ikarenga
Imyaka igatamba
Imvura ikaba nyinshi
Ukagenda iguroca
Ukanyerera ukabyuka
Umuego Ugatanguza
Ikuba likaka
Likakwica ukireba
Ureba igicucu
Bitera agahinda.
Umuuni ubowo ukira
Ubakonje bukaza
Ugashoka agakoti
Ko gushyira mu gikombe
Ukababona ukabobana
Ugashoberwa ukaluyama.

Uliya mwana
Nahoze nkunda
Yajyaga umbwira
Ko azagenda
Njye nkabyita
Ibikino rwose
None dore atugiye.
N'ubowo yantesheje
Iopihe agiye
Ntibizandoza kumukunda
Kuko namushimuye
Nkili mutoya
Nkilinogira mbeshya
Kandi Imana
Ikora ibyo ishaka.